



Funded by the European Union



## IBYO WAMENYA KU MIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

### *AGATABO K'INCAMAKE*



### **Icyitonderwa**

Aka gatabo kateguwe ku nkunga y'amafaranga y'Umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'Uburayi. Ibikubiyemo bireba by'umwihariko Ihuriro CCOAIB n'imiryango bafatanyije uyumushinga, kandi ntabwo byanze bikunze byerekana ibitekerezo by'ubumwe bw'ibihugu by'Uburayi.

# AGATABO K'INCAMAKE KU MIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

## 1. Intangiriro

Umushinga wo kongerera ubushobozi Imiryango Nyarwanda itari iya Leta mu buhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe n'ingufu zirambye (CRA project)

Umushinga wo kongerera ubushobozi Imiryango Nyarwanda itari iya Leta mu buhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe n'ingufu zirambye (CRA project) uterwa inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'ibihugu by'Uburayi, ugashyirwa mu bikorwa n'ihuriro ry'imiryango ikuriwe na CCOAIB irimo OXFAM na DUTERIMBERE ONG. Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa mu turere twa Kirehe na Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba, hamwe) na Nyamagabe (ndetse) na Nyaruguru mu Ntara y'Amajyepfo. Intego nyamukuru y' uyu mushinga ni ukongerera ubushobozi *Imiryango Nyarwanda itari iya Leta mu kongera uruhare rwayo nk'abafatanyabikorwa bigenga baharanira iterambere ry'ubuhinzi n'ingufu birambye kandi bihangana n'imihindagurikire y'ibihe.*

## 2. Ibisobanuro by'amwe mu magambo y'ingenzi akoreshwa

- **Imihindagurikire y'ibihe (climate change):** Ni imihindagurikire mu miterere y'ikirere iterwa n'ibikorwa bya muntu by'ako kanya cyangwa byo mu gihe kirekire byangiza ikirere, kandi byiyongera ku mihindagurikire karemano y'ibihe mu gihe kirekire (UNFCCC, 1992).
- **Ubuhinzi bw'umwimerere butangiza ibidukikije (Agroecology):** Ni uburyo bwuzuye kandi bukomatanyijwe bukoresha icyarimwe uburyo n'amahame agenga ibidukikije, imibereho y'abantu mu kugena no gucunga ubuhinzi burambye hamwe n'ururhererekane rw'ibiribwa. Ubu buhinzi bugamije kunoza imikoranire hagati y'ibimera, inyamaswa, abantu n'ibidukikije hitawe kuri gahunda irambye yo kubona ibiribwa bihagije kuri bose kandi biberanye n'imibereho myiza ya muntu, aho ashobora kugira amahitamo y'ibyo yifuza, aho bihingwa n'uburyo bihingwamo (FAO 2021)
- **Ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe:** Ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe ni ishingiro ry'yo gucunga ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Ubudahangarwa hano busobanuye ubushobozi bw'imihingire iteganya ikanitegura guhangana no kwikura mu ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe (FAO 2021)
- **Kurwanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe (Climate Mitigation):** Igikorwa cyangwa ibikorwa byo guhagarika imihindagurikire y'ibihe hagabanywa ingano y'ibyuka bihumanya ibidukikije byoherezwa mu kirere
- **Kwihanganira imihindagurikire y'ibihe (Climate Adaptation):** Igikorwa cyangwa ibikorwa byo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu rwego rwo kugabanya ubukana bw'ibyuma ku buzima n'imibereho by'urusobe rw'ibinyabuzima.

## 3. Ubuhinzi bw'umwimerere butangiza ibidukikije (Agro ecology)



- Ubu buhinzi bukurikiza amahame y'ibidukikije ku mikoranire hagati y'abantu n'ibidukikije, ndetse n'ingaruka zabyo, hagamijwe kugabanya ingaruka mbi z'ibikorwa







bimwe na bimwe bya muntu . Ubu buhinzi bugamije kurengera ibidukikije, guharanira ko habaho ivugurura rirambye ry’umutungo kamere (amazi, ubutaka, ibinyabuzima bitandukanye, n’ibindi) bikenewe mu musaruro no gukoresha neza umutungo kamere utisubira. Mu gukuraho buhoro buhoro ikoreshwa ry’imiti, ubu buhinzi buharanira kandi gushyira mu bikorwa ubuhinzi-mwimerere, bityo bikagira uruhare mu kuzamura ubuzima bw’abahinzi n’abaguzi.


#### **Amahame y’ingenzi y’ubuhinzi bw’umwimerere butangiza ibidukikije**

- Gushyira ingufu mu gukoresha ibikomoka ku binyabuzima ntabitakaye, hagamijwe kongera ifumbire mborera no kudatakaza imyunyu ntunga-gihingwa.
- Gushimangira ubudahangarwa bw’ubuhinzi n’ubworozi binyuze mu gusigasira urusobe rw’ibinyabuzima, no kurema indiri y’udukoko karemano turya ibyonnyi by’ibihingwa.
- Gutuma ubutaka buba bwiza ku mikurire y’ibihingwa, by’umwihariko gukoresha amafumbire y’imborera no gutuma utunyabuzima two mu butaka twiyongera tukanakora umurimo watwo neza.
- Kugabanya igihombo cy’ingufu, amazi, intungamubiri n’umutungo nyabuzima (genetic resources) hatezwa imbere kubungabunga no kurumbura ubutaka n’amazi n’urusobe rw’ibihingwa.
- Kongera amoko n’umutungo nyabuzima mu rwego rw’ubuhinzi n’urusobe rw’ibinyabuzima mu gihe n’ahantu hanyuranye, haba mu mirima no mu bindi byanya.
- Guteza imbere imibanire n’ubwuzuzanye mu rusobe rw’ibinyabuzima no guhuza ibice bigize ubuhinzi bwita ku bidukikije, bityo bigateza imbere imikorere y’urusobe rw’ibinyabuzima na serivisi.

#### **4. Ingero z’uburyo bw’ubuhinzi bw’umwimerere butangiza ibidukikije (AEPs)**

<b>Uburyo</b>	<b>Igisobanuro</b>	<b>Ishusho/ifoto</b>
<b>Kubisikanya ibihingwa binyuranye mu murima</b>	Gutera ibihingwa biyuranye mu bihe binyuranye mu murima umwe hagamijwe kwita ku gusigasira ireme ry’ubutaka, kongera intunga-gihingwa mu butaka, no kurwanya indwara, ibyonnyi n’ ibyatsi bibi bya kimeza.	
<b>Ifumbire y’imborera</b>	Ifumbire ikomoka ku bishanguka –cyangwa ibibora, harimo ibimera, ifumbire y’amatungo, n’ibishingwe byo mu rugo.	

<p><b>Amaterasi</b></p>	<p>Guca amaterasi ni uburyo bwo kuringaniza ubutaka hubakwa ibikorwa remezo bigabanya cyangwa bihagarika umuvuduko w'amazi mu rwego rwo kurwanya isuri itwara ubutaka</p>	
<p><b>Gukoresha amazi y'imvura</b></p>	<p>Ni uburyo bwo gukusanya no gukoresha amazi y'imvura, aho kuyareka ngo ateze isuri. Amazi y'imvura akusanywa avuye ku bisenge by'amazu akabikwa mu kigege cyangwa icyobo cyabugenewe n'ubundi buryo bwateganyirijwe icyo gikorwa cyo gufata amazi y'imvura.</p>	
<p><b>Kuhira ku buso buto</b></p>	<p>Kuhira ni uburyo bukoreshwa mu buhinzi hagenzurwa ingano y'amazi ashwirwa mu butaka ngo akoreshwe n'igihingwa cyangwa ibindi bimera biteye kuri ubwo butaka.</p>	
<p><b>Ibiti bivangwa n'imyaka</b></p>	<p>Ni uburyo bwo kuvanga ibiti byabugenewe n'imyaka/ibihingwa hagamijwe ko bibazwa umusaruro utubutse kandi unyuranye. Ibiti bivangwa n'imyaka ku materasi ni ngombwa mu rwego rwo kugabanya isuri no kongera uburyo amazi yinjira mu butaka.</p>	
<p><b>Gusasira ibihingwa</b></p>	<p>Gusasira ibihingwa bikunze gukoreshwa mu buhinzi bw'imboga n'imbuto. Ni ugutwikiriza ubutaka ibimera ku mpande z'ibihingwa kugira ngo urinde imizi yabyo imirasire y'izuba, imbeho, cyangwa urubura ugamije isuku y'imbuto n'imboga ngo zidahura n'ubutaka bukazanduza.</p>	
<p><b>Gukoresha ibihingwa bikurura n'ibwirukana ibyonnyi</b></p>	<p>Ubu ni uburyo bwo kuvanga ibihingwa n'ibindi bimera hagamijwe kugenzura ibyonnyi by'ibihingwa, aho igihingwa kimwe gikundwa n'icyonnyi, bityo kikagikurura, naho ikindi gihingwa kidakundwa n'icyo cyonnyi, bityo kikagihunga. Urugero: ibinyampeke nk'ibigori n'amasaka bikunzwe kurwara nkongwa, ibyatsi biteye ku muzenguruko/imbibi z'umurima bikurura bikanabika ibyo byonnyi umuhinzi akabasha bubitoragura.</p>	

<b>Kuvanga ibihingwa</b>	Kuvanga ibihingwa ni uguhinga ibihingwa 2 cg birenze by'amoko anyuranye mu gihe kimwe no ku butaka bumwe. Ubu ni bumwe mu buryo bw'ubuhinzi bumaze igihe kirekire cyane ku isi. Ubu buhinzi bwongera umusaruro bugatuma n'ibihingwa byuzuzanya no mu guhangana n'ibiza.	
--------------------------	---	--

## 5. Uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe

Urugero rw'ingaruka	Uburyo bukoreshwa
<b>Ubushyuhe bukabije</b>	Guhinga ibihingwa byihanganira ubushyuhe bukabije, kubahiriza ibihe by'ihinga.
<b>Inkubi y'umuyaga</b>	Gushyiraho inzitiro cyangwa ibindi bigabanya umuvuduko w'umuyaga
<b>Ubukonje bwinshi n'urubura</b>	Kurinda urubura (urugero gusasira ibihingwa), gukoresha amakuru y'iteganyagihe riburira, kubahiriza ibihe by'ihinga, guhinga mu nzu zabugenewe nka “greenhouses”
<b>Uruzuba rukabije</b>	Gutera ibiti bivangwa n'imyaka, kurandura ibyatsi bibi bya kimeza mu murima, kuhira, kubangurira ibiti byihanganira ubushyuhe bwo hejuru, n'ibindi
<b>Kugunduka kw'ubutaka n'ibyuka bihumanya ikirere</b>	Kubisikanya imyaka/ibihingwa, kuvanga ibihingwa binyuranye, gusasira, gukoresha amafumbire n'imiti bikomoka ku bimeru
<b>Ibyonnyi n'indwara</b>	Gukoresha ibindi binyabuzima mu kurwanya ibyonnyi n'indwara, Gusimburanya ibihingwa by'amoko anyuranye mu murima, gukoresha uburyo bukomatanyije bwo kurwanya ibyonnyi n'indwara (IPM)

## 1. Uruhare rw'abafatanyabikorwa

### Inzego za Leta zifata ibyemezo

- Guhuza n'igihe Gahunda y'ibizakorwa na Leta mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe (NDCs) igahuzwa n'ibipimo by'itegeko z'iterambere rirambye z'Umuryango w'abibumbye (UNSDGs);
- Kwingiza ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe muri gahunda zo gufasha ubukungu kuzahuka nyuma y'icyorezo cya COVID -19;
- Mu rwego rw'iterambere rirambye, guhuza za politiki za Leta mu mihindagurikire y'ibihe, gutwara abantu n'ibintu, ubucuruzi, ubukerarugendo, uburobyi n'ubworozi bw'amafi;
- Kwinjiza muri za politiki na Gahunda za Leta ibijyanye n'uburyo bwo kongera ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe.

### Urwego rw'abikorera

- Gukoresha ikoranabuhanga riganya ibyuka byangiza ikirere;

- Gucunga neza imyanda no kuyihinduramo ibindi bintu bifite akamaro;
- Gukoresha neza umutungo kamere dufite.

#### **Imiryango itari iya Leta n'amadini**

- Gukora ubuvugizi ku mihindagurikire y'ibihe;
- Gukurikirana no gusuzuma ko ibibazo byakorewe ubuvugizi byakemutse;
- Kongera imyumvire y'abaturage ku mihindagurikire y'ibihe n'ubuhinzi bw'umwimerere butangiza ibidukikije.
- Gukora imishinga ijyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'ubuhinzi bw'umwimerere butangiza ibidukikije igashyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'abaturage;
- Kumenyekanisha mu baturage politiki na gahunda za Leta zerekeranye n'imihindagurikire y'ibihe n'ubuhinzi butangiza ibidukikije.